REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, kuwa 16 JUN 2015
Ref N° 938/Cab.M/015

MINISITERI Y'IBIKORWAREMEZO
PO. BOX: 24 KIGALI
E-mail: info@mininfra.gov.rw

Madamu/Bwana Minisitiri (Bose)
Madamu/Bwana Umunyamabanga wa Leta (Bose)
Bwana CEO wa RDB/Ugize Guverinoma
Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
Madamu/Bwana Perezida/ Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo (Bose)
Bwana Umuyobozi Mukuru w'Abinjira n'Abasohoka
Madamu/Bwana Umuyobozi w'Ikigo cya Leta (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)
Bwana Umuyobozi wa Kaminuza y'u Rwanda

**Impamvu: Kubahiriza ibikubiye mu Itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012, rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda**

Nshingiye ku Itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012, rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi (Architects and Engineers) rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda mu ngingo zaryo, iya 1, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, n'iya 12;

Maze kubona ko abakora imirimo y'Abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga muby'ubwubatsi kenshi batubahiriza ibiteganywa n'itegeko rivugwa haruguru kugira ngo bashobore gukora iyi mirimo;

Mu buryo bwo kwubahiriza ibikubiye muri iri tegeko no kuvanaho akajagari muri iyo myuga,

Nejejwe no kubandikira nifuza kubibutsa ibikubiye mu Itegeko kandi nsaba buri rwego kwubahiriza ibirikibiyemo.

Muri urwo rwego, nasabaga buri rwego rwa Leta rwandikiwe iyi baruwa na servisi zirushamikiyeho, kwubahiriza ibikubiye muri izi ngingo z'Itegeko zikurikira, igihe cyose bafite ibikorwa bijyanye n'imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi:

**Ingingo ya 6** y'Itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012, rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda iteganya ibisabwa **ku munyarwanda** kugira ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa uw'ubuhanga mu by'ubwubatsi. Iyo ngingo igira it:

*"Umuntu wemererwa gukora imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa imirimo y'ubuhanga mu by'ubwubatsi mu Rwanda, agomba kuba yujuje ibi bikurikira* :

1° kuba ari Umunyarwanda ;

2° kuba afite impamyabumenyi nibura ihanitse mu byo guhanga inyubako cyangwa mu by'ubuhanga mu by'ubwubatsi ;

3° kuba yemewe n'urugaga rw'umwuga w'abahanga mu guhanga inyubako cyangwa urugaga rw'abahanga mu by'ubwubatsi ;

4° kuba yujuje ibindi bisabwa n'amategeko y'urugaga rw'abahanga mu guhanga inyubako cyangwa ay'urugaga rw'abahanga mu by'ubwubatsi.

**Ingingo ya 7** y'iryo tegeko yo iteganya ibisabwa **abanyamahanga** kugira ngo bemererwe gukora umwuga w'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa uw'ubuhanga mu by'ubw'ubatsi mu Rwanda aho igira iti :

***Umunyamahanga usaba gukora imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa imirimo y'ubuhanga mu by'ubwubatsi mu Rwanda, agomba kuba yujuje ibi bikurikira*** :

1° kuba afite impamyabumenyi imwemerera gukora uwo mwuga ;
2° kuba yanditse mu rugaga rw'abakora iyo mirimo mu gihugu yakoreragamo ;
3° kuba afite ubwenegihugu bw'igihugu gifitanye amasezerano yemerera Abanyarwanda gukora uwo mwuga.

Urugaga rw'umwuga rushobora guha umunyamahanga w'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa umunyamahanga w'umuhanga mu by'ubwubatsi uruhushya rw'igihe kugira ngo akore umurimo ugennye ariko **nk'ufatanyije n'umwe mu bagize urugaga.**

Iyo Urugaga rusanze hari impamvu zidasanzwe, rushobora guha Umuntu uruhushya rw'igihe kugira ngo akore adakeneye gufatanya n'ugize Urugaga, nk'umuhanga mu guhanga inyubako cyangwa umuhanga mu by'uby'ubwubatsi uryozwa wenyine ibyo akoze.

Ibyerekeye **ukwemerera ibigo gukora imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa iy'ub'ubuhanga mu by'ubwubatsi biteganywa n' Ingingo ya 8 aho hateganyijwe ko** :

« Ikigo cyose gikora imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa iy'ubuhanga mu by'ubwubatsi cyifuza gukorera iyo mirimo mu Rwanda, kigomba kubanza kubihererwa uruhushya n'urugaga rw'umwuga w'ubahanga mu guhanga inyubako cyangwa n'urugaga rw'abahanga mu by'ubwubatsi bitewe n'umwuga gikora.

Ibikurikizwa kugira ngo uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rutangwe bishyirwaho n'Urugaga ».

**Ingingo ya 9 yo iteganya ukwemerera ibigo byo mu mahanga gukora imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa iy'ubuhanga mu by'ubwubatsi ikabivuga muri ubu buryo** :

« Ikigo cyo mu mahanga gishobora kwemererwa gukorera mu Rwanda imirimo y'ubuhanga mu guhanga inyubako cyangwa iy'ubuhanga mu by'ubwubatsi iyo igihugu kibarurirwamo cyemerera nacyo ibigo byo mu Rwanda kugikoreramo hakurikijwe ingingo ziteganywa n'amasezerano u Rwanda rwemeje, ahuza ibihugu byombi cyangwa agamije ukwishyirahamwe kw'ibihugu by'akarere.

**Icyakora, ikigo cyo mu mahanga kigomba :**

1° kuba cyanditse mu Rwanda nk'isosiyete yo mu mahanga hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko yerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ;
2° kuba cyujuje ibindi bisabwa ibigo byo mu Rwanda »

Nshingiye ku bimaze kuvugwa haruguru, nongeye kubamenyesha ko nta wemerewe gukora imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi mu Rwanda atubahirije Ibiteganywa n'itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012, rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda.

Urugaga rw'abahanga mu guhanga inyubako n'urugaga rw'abahanga mu by'ubwubatsi basabwe gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'itegeko, bityo abakora iyo myuga bakubahiriza ibyo basabwa n'Itegeko mu Rwanda.

Inzego za Leta zose bireba zisabwe kudufasha gushyira mu bikorwa ibisabwa byose kugira ngo Abakora imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'abahanga mu by'ubwubatsi babyubahirize uko byakabaye.

Nongeye gusaba kandi inzego za Leta zose , Ibigo bya Leta n'Imishinga yayo, Komisiyo z'Igihugu n'izindi nzego za Leta bireba, ko mu gutanga amasoko arimo imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi ( Architects and Engineers), ko bagomba gusuzuma ko abo bahanga bujuje ibisabwa n'itegeko kugira ngo bakorere iyo mirimo mu Rwanda.

Kwubahiriza ibikubiye muri n'itegeko N° 26/2012 ryo kuwa 29/06/2012, rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda ni inshingano za buri rwego rwa Leta.

Mugire Amahoro n'Akazi keza

MINISTRY OF INFRASTRUCTURE
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**MUSONI James**
**Minisitiri w'Ibikorwa Remezo**

**<u>Bimenyeshejwe :</u>**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga
- Umunyamabanga Mukuru muri SENA
- Umunyamabanga Mukuru mu Nteko Ishinga Amateko Umutwe w'Abadepite
- Urugaga rw'Abahanga mu guhanga inyubako (RIA)
- Urugaga rw'Abahanga mu by'ubwubatsi (IER)

**KIGALI**